Monsieur le D.G. 2/7/85 → DEF p.1

INYANDIKO-MVUGO Y'UBUTUMWA NAGIYEMO MU RUHENGERI KUWA 4 KAMENA 1985.-

IMPAMVU: Gukulikirana imilimo y'inama y'Abayobozi b'Urubyiruko na za Koperative n'ab'Ibigo by'urubyiruko muli Perefegitura ya RUHENGERI.

Ku murongo w'ibyigwa hali:

I. Ibyemezo n'ibyifuzo byafatiwe mu nama yahuje abayobozi b'urubyiruko na za koperative i KABUSUNZU IWACU muli Werurwe 1985: NGULINZIRA

II. Amarushanwa yerekeye umwaka w'urubyiruko 1985
- Amashyirahamwe: NTANSHUTI Viyatori
- Imulika gulisha: NTANSHUTI Viyatori
- Amagare n'imikino ngorora mubili: MUNYANSANGA
- Imikino gakondo: MUNYANSANGA
- Amarushanwa y'umupira w'amaguru hagati y'amakomini: MUNYANSANGA

III. Amahugurwa y'abagize inama y'ubutegetsi bw'amashyirahamwe: NTANSHUTI Viyatori

IV. Ubuzima-gatozi: NTANSHUTI Viyatori

Igitekerezo cyo guhuliza hamwe abashinzwe urubyiruko no Gutsura za koperative muli komini, muli superefegitura ho muli perefegitura kugira ngo basuzumire hamwe ibyakomwe mu gihembwe gishyize, binegure noneho bateganye ibyo bazakora ku bulyo bwihutirwa mu gihembwe gikulikira bikwiye gushyigikirwa no muyandi ma perefegitura bakajya babikora.

Muli izo nama bagomba gusuzumira mo ibibazo buli Ankadereri yagiye ahura nabyo mu kurangiza imilimo yiyemeje gukora.
Ba Ankadereri mu nzego zose bagomba gukora uko bashoboye kugira ngo babe urumuli rumulikira ababegereye bakangukire ubufatanye buzira uburyarya n'ubuhemu.
Ba ankadereri rero bagomba kuba indakemwa mu mico no mu myifatire, abafite ingeso z'ubuhemu n'ubujura bakavanwa kuli uwo mulimo kuko batanga urugero rubi imbere y'urubyiruko n'abanyamuryango b'amashyirahamwe aliko cyane cyane ba jera bayo.

Mu Ruhengeri dore uko nabisanze kuwa 4 Kamena 1985.

I. Ibyemezo n'ibyifuzo byafatiwe mu nama i Kabusunzu.
Nasanze NGULINZIRA Matiyasi yarangije kubigeza ku bali mu nama.

II. Amarushanwa yerekeye umwaka w'urubyiruko 85.

II1. Amashyirahamwe.

NTANSHUTI Viyatori yabasobanuliye muli make uko ryagenze.
Abali mu nama babajije impamvu ibihembo batarabibona kandi mu yandi ma Perefegitura amenshi yarabibonye. Nabijeje ko icyo kibazo nzakigeza ku bagishinzwe bakagishakira igisubizo.

../...

II2. Imulika gulisha

Nabasobanuliye ko lizaba ligamije kwamamaza ibikorwa by'urubyiruko kugira ngo ababishaka bamenye aho babisanga. Ilyo mulikwa ligamije kandi kwerekana ko ibikorwa by'urubyiruko bifite akamaro mu bukungu bw'igihugu cyacu bityo rukarushaho gukaza umurego kugira ngo rufatanye n'abandi kubaka urwatubyaye. Nababwiye kandi ko ubu twiga imbanzilize mushinga wo gutegura imulikwa gulisha muli buli perefegitura. Iyo mbanzilize mushinga nirangira tuzayohereza muli buli perefegitura nyuma dukore inama n'abashinzwe urubyiruko no gutsura za koperative kugira ngo duteguriro hamwe imulikwa gulisha lizaba muli Kanama uyu mwaka.

Nabamenyesheje ko hagati aho hali ibaruwa ya Ministri asaba perefe kumwohereza listi y'urubyiruko rufite ibikorwa nawe ashima kandi rwifuza kumulika muli kanama 1985. Ibyo akaba yarabitewe n'uko amashyirahamwe yose yatsinze irushanwa ashobora kuba adafite ibyo azamulika icyo gihe kigeze. Nabasabye abali mu nama kuba batekereza k'uburyo iryo mulika gulisha ryazategurwa mu Ruhengeri kugira ngo lizatungane.

II3. Amagare n'imikino ngorora mubili.

Munyensanga yabagejejeho uko ayo marushanwa yagenze maze abasaba kurushaho gukangulira urubyiruko imikino bakayitabira ali benshi.

II4. Imikino gakondo

Na none Munyensanga yabagejejeho uko ayo marushanwa yagenze maze abasaba kurushaho gukaza umurego.

II5. Amarushanwa y'umupira w'amaguru hagati y'amakomini-Junior.

Munyensanga yasabye ba Ankadereri kwihatira gukulikirana bakareba niba abakinnyi bose ali abana koko. Junior agomba kuba afite hagati y'imyaka 10 na 16.

Muli iyo nama habaye tombola kugira ngo barebe amakomini azahura mu 1/8 k'irushanwa lizatangira kuwa 23/6/1985 likarangira kuwa 14/7/1985. Kuko hali amakomini 16, yagabanijwe amasegiteri ane imwe igizwe n'amakomini 4 yegeranye.

Imikino ya mbere n'iya kabili izaba hagati y'amakomini ali muli segiteri imwe. Imikino ya gatatu izaba hagati y'amakipe azaba yarabaye aya mbere mu ma segiteri, umukino wa nyuma ukazerekana ikipi izahagararalira Ruhengeri mu rwego rw'igihugu.

Abali mu nama bifuje ko muli buli segiteri abayobozi b'urubyiruko bakumvikana bakajya bakora amakipe y'abakinnyi batoranijwe mu yamaze gukina bityo ikipi izahagararalira Ruhengeri ikaba ali iyabahanga koko aliko basanga bishobora kubyara ingorane kubera igihe gito.

III. Amahugurwa y'abagize inama z'ubutegetsi bw'amashyirahamwe.

Nk'uko bali babyiyemeje mu nama yabahuje muli Gashyantare 1985, buli Ankadereri wa za Koperative yagombaga guhugura abagize inama z'ubutegetsi bw'amashyirahamwe ali muli Komini ashinzwe. Twasanze nta n'umwe wabikoze kubera ko babuze umwanya byongeye kandi n'amikoro aba make.

../...

Ankadereri w'amashyirahamwe N.M.K. yatubwiye ko bateganya ayo mahugurwa muli Nyakanga n'aho abandi nta n'icyo babivugaho.

Aho naboneyeho umwanya wo kubagira inama zigamije uko bakora neza umulimo wabo wo guhugura abanyamuryango bibumbiye mu mashyirahamwe. Izo nama ni izi:

1. Gufasha abagize inama z'ubutegetsi abagira inama mu gihe zateranye kugirango zige ibibazo umuryango ufite. Igihe Ankadereri azaba akulikirana izo nama azabona uburyo bushimishije bwo guhugura abasigize. Porogramu y'ayo manama n'imyanzuro yayo bigomba kumenyeshwa inzego z'ubutegetsi kugira ngo zibafashe gukemura ibibazo biramutse bibaye ngombwa.

2. Ankadereri agomba gutanga urugero rwiza aho ali hose maze agakunda akaba koko urumuli rumulikira amashyirahamwe mu nzira y'amajyambere.
Nabahaye urugero rukulikira : nk'ubu buli wese atashye yiyemeje gukulikirana byibura Koperative imwe muli iki gihembwe gitaha, akiyemeza ko azayifasha gukemura ibibazo ifite yifashishije inzego zibishinzwe mu kwakira twazahura dufite byibura amashyirahamwe 20 agenda neza. Iyo yaba ali intambwe ikomeye. Ayo makumyabili bamaze kuyeneza bagafata andi makumyabili maze umwaka ugashira RUHENGERI ifite amashyirahamwe 40 ashobora kubera abifuza kuyashinga urugero rwiza akaba kandi abafashije gucengeza amatwara y'Ubufatanye bugamije gutsura amajyambere ya Rubanda Nyamwinshi. Nabibukije ko ibi byose bitashoboka ntakwitanga guhagije kwa buli Ankadreri. Nasabye kandi b'Ankadreri kwilinda kugenda baguza amafranga mu mashyirahamwe bivamo kenshi kuyahemukira no gusebya umulimo wabo. Nababwiye ko Jera nta burenganzira afite bwo gutanga umwenda uwo aliwo wose uzabikora uzamwandikwaho.

3. Ankadreri wa za Koperative agomba kuba ijisho ly'Ubutegetsi lireba niba Inama zombi zikora ibyo zemereye imbaga nyamwinshi y'abanyamuryango usanga abenshi ali abatazi gusoma no kwandika bityo ntibiborohere gukulikiranira hafi imikorere y'umuryango wabo. Ubwo nabwo ni uburyo bwo kuzihugura izo nzego kuko zikosorwa zigirwa inama. Abashinzwe gufasha amashyirahamwe nimucyo tubihagurukire naho ubundi turangaye gato abaturage bitabiliye kwifatanya kugira ngo bakemure ibibazo byabo bazacibwa intege n'abagizi ba nabi bivumbure ubudasubiza amaso inyuma.

4. Igihe bishoboka abagize inama y'ubutegetsi bashobora guhugurwa muli Komini yabo aliko bakajya bahuza abafite ubushobozi bumwe bwo kumva inyigisho bahabwa.

IV. <u>UBUZIMA-GATOZI</u>.

NTAHSHUTI Viyatori yasobanuliye abali mu nama ingingo z'ingenzi zitabwaho mu kwiga dosiye isaba ubuzima-gatozi.

- Ishyirahamwe lisaba ubuzima - gatozi ligomba kuba lizwi na Komini ko likora likulikije amahame y'ubufatanye.
- Ligomba kuba lifite amategeko atanyuranya n'itegeko lyo kuwa 22.11.1966 ligenga amakoperative.
- Ligomba kuba lifite ibikorwa bigaragara.

./...

Kuli iyi ngingo Ankadreri wa KOMAKOBIRU yinubiye ko dosiye isaba ubuzima-gatozi bwayo itinda maze NTAHSHUTI Viyatori amumbwira ko idatunga neza ko ahubwo bagomba kwihutira kuyitunganya.
Nakomerejaho mubwira ko bagomba kwerekana ukuntu abanyamuryango mu ma sikilisali ya KOMAKOBIRU bagiye batanga imigabane maze bakabasinyisha amategeko y'umwihaliko wayo. Nababwiye ko abahagaraliye buli Sikilisali muli KOMAKOBIRU bagomba gutorwa n'abanyamu-lyango ba sikilisali zabo.

Amategeko ya KOMAKOBIRU nayo agomba guteganya ukuntu impaka zizakemurwa kandi amategeko ya buli Sikilisali ntasobanye n'aya KOMAKOBIRU.

## IMYANZURO N'IBYIFUZO.

1) abali mu nama bemeje ko buli muntu ya kwiminjiramo agafu akagira byibura icyo yazerekana yakoze kigaragaza ko yabaye umumuli rumulikira urubyiruko n'amashyira-hamwe mu nzira y'amajyambere. Mu nama itaha buli Ankadreri azavuga ibyo yakoze n'ingorane yahuye nazo. Nyuma hakorwe gahunda y'imilimo yihutirwa mu gihembwe gitaha.

2) Gutanga urugero rwiza aho bali hose.

3) Kugira ngo bashobore gusura amashyirahamwe abayobozi b'urubyiruko na za Koperative muli prefegitura no muli Su Prefegitura bifuje ko batse inguzanyo y'ipikipiki ku ngengo y'imali isanzwe bayibona bitaruhije.

4) B'ankadreri bo mu makomini bifuje ko Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative iramutse ibonye uburyo ibagulisa amagare bakishingirwa na Komini yabo ibahemba byatuma akazi kabo kagenda neza.

5) Abali mu nama bifuje ko Ministeri yabamenyesha vuba igihe ibihombo by'abatsinze irushanwa bizabonekera.

NDEREZI - KAREKEZI Marcel

Umuyobozi wa za Koperative n'Imiryango y'Ubufatanye

[signature]